RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

# ITANGAZO

## Gufunga by’Agateganyo Inyubako ya RDB

Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruramenyesha abantu bose, abafatanyabikorwa n’izindi nzego bireba ko guhera ku wa 5 Gicurasi 2026, inyubako ya RDB izafungwa by’agateganyo kubera imirimo yateganyijwe yo kuyivugurura.

Muri iki gihe, RDB, ibigo biyishamikiyeho n’izindi nzego zihakorera zizimukira by’agateganyo mu bindi biro. Aho ibyo biro bishya biherereye n’uburyo serivisi zizakomeza gutangwa bizatangazwa bidatinze.

Mu gihe ibyo biro bishya bitaratangira gukorerwamo, serivisi zikomatanyije za One Stop Centre ziratangirwa mu igorofa yo hasi y’inyubako ya Minisiteri y’Ibikorwa Remezo (MININFRA), iherereye ku **Kimihurura, ku muhanda KG 1, mu Mujyi wa Kigali**. Izindi serivisi zizakomeza gutangwa hifashishijwe imbuga koranabuhanga (online services) za RDB zisanzwe zikoreshwa.

Abashinzwe kwita ku bakiliya bazakomeza gukora nk’ibisanzwe kandi biteguye kubafasha no kubayobora.

**Ukeneye ubufasha wahamagara:**

- **Nomero ya telefone (imbere mu gihugu): 1415**
- **Nomero ya telefone (mpuzamahanga): +250 727 775 170**
- **Amasaha y’akazi: Saa moya za mu gitondo (07:00) kugeza saa tanu z’ijoro (23:00) ku isaha ya Kigali (GMT+2)**

**Imeyili:**

- **Kubaza rusange: info@rdb.rw**
- **Ibibazo bijyanye n’ishoramari: invest@rdb.rw**

**RDB irashimira abantu bose, abafatanyabikorwa n’izindi nzego bireba ku buryo mwakiriye izi mpinduka ndetse n’ubufatanye bwanyu.**

**UBUYOBOZI BWA RDB**